IMBONERAHAMWE YA ZA SERIVISI DUTANGA

**Icyerekezo:**

**Abanyamwuga mu by'ubucuruzi babishoboye kandi bazwi ku isi yose.**

**Intego:**

Guhindura abantu abanyamwuga mu by'ubucuruzi binyuze mu kubakoresha ibizamini, mu gusuzuma niba bujuje ibisabwa, mu kwemeza ubushobozi bwabo, mu bushakashatsi mu guhanga ibishya no gutanga ubujyanama

**Indangagaciro z'ibanze:**

**Ubumenyi bucukumbuye, Kubazwa inshingano, Gukora ibirambye, Kwiyubaha, Ubudashyikirwa, Kuba mu mwanya ukwiye kubamo.**

**Inshingano:**

**Gutegura inkoranyamasomo; gutegura ibizamini by'abari mu mwuga, iby'abashaka kuba abanyamwuga, iby'impamyabushobozi na dipolome no gusuzuma ko abakandida bujuje ibisabwa mu bijyanye n'ibaruramari, icungamutungo, inguzanyo, imiyoborere n'imicungire, ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'ibindi bifitanye isano na byo; guteza imbere ubumenyi ku rwego rw'igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga no kwemeza ubushobozi bw'ibigo by'amahugurwa bireba bikorana na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano.**

| Nº. | Serivisi zitangwa | Icyo twiyemeje | Igihe ntarengwa | Amafaranga atangwa | Ibyo twiteze ku bafatanyabikorwa |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Gusubiza ibibazo by'abakiliya n'izindi nyandiko | 1.1 Gusubiza ibibazo kuri telefoni | Mu gihe kitarenze amasogonda cumi n'atanu (15) | Nta kiguzi bisaba | Kuduhamagara kuri terefone nimero 020 4923000, 254722201214, 254734600624 |
| | | 1.2 Kwakira abashyitsi | Mu gihe kitarenze umunota umwe (1) umushyitsi ahageze | Nta kiguzi bisaba | Gusura aho kasneb ikorera n'ibigo bya *Huduma* |
| | | 1.3 Gusubiza ibibazo:<br>(a)Imeli<br><br>(b)Imbuga nkoranyambaga | Mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) w'akazi<br><br>Mu gihe kitarenze isaha imwe (1) | Nta kiguzi bisaba | Kohereza ibibazo mubinyujije kuri imeli n'imbuga nkoranyambaga byemewe hamwe no muri sisitemu y'ubufasha y'urubuga rw'imicungire y'abanyeshuri. |
| | | 1.4 Ubutumwa/Gusaba kubonana n'ukwakira bidasabye gushyirwa kuri gahunda<br>(a)Inyandiko rusange<br>(b)Inyandiko zo mu rwego rwa tekiniki | Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi | Nta kiguzi bisaba | Kohereza ibibazo mubinyujije kuri imeli n'imbuga nkoranyambaga byemewe hamwe no muri sisitemu y'ubufasha y'urubuga rw'imicungire y'abanyeshuri. |
| 2. | Ibizamini na serivisi zijyana nabyo | 2.1 Gutanga uburenganzira bwo gukora ibizamini (ingengabihe) | Nyuma yo kwishyura amafaranga y'ikizamini ku rubuga rw'imicungire y'abanyeshuri ba kasneb | Nta kiguzi bisaba | Gufungura ingengabihe ku rubuga rw'imicungire y'abanyeshuiri ba kasneb<br><br>Gutanga aderesi za imeli zizewe. |
| | | 2.2 Gusohora amanota y'ibizamini | Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi wa nyuma w'ikizamini | Nta kiguzi bisaba | Gufungura ingengabihe ku rubuga rw'imicungire y'abanyeshuiri ba kasneb<br><br>Gutanga aderesi za imeli zizewe. |
| | | 2.3 Gutanga impamyabushobozi ku bakandida batsinze | Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nyuma yo gusohora amanota ku batsinze ibizamini cyangwa ku batsinze igice cy'ibizamini bitewe n'ibikenewe | Nta kiguzi bisaba cyangwa kwishyura amafaranga yo kubika ibintu aho bikenewe, ni ukuvuga amezi abiri nyuma yo gutanga impamyabushobozi | Gufata impamyabushobozi ubwawe ku cyicaro gikuru cya Kasneb cyangwa gusaba ko yoherezwa inyuze mu iposita ishinganishije |
| | | 2.4 Gutanga ibyemezo byo kwemerera ibigo by'amahugurwa byujuje ibisabwa | Mu gihe kiterenze iminsi mirongo cyenda (90) nyuma yo kwemererwa | Amafaranga yo kwemererwa by'agateganyo-Sh.10.000 mu gihe cy'amezi 18<br>Amafaranga yo kwemererwa mu buryo bwuzuye-Sh.40.000 mu gihe cy'imyaka 5 | Gufata impamyabushobozi ubwawe ku biro bikuru bya Kasneb cyangwa usabe yoherezwe inyuze mu iposita ishinganishije |
| | | 2.5 Uburyo bwo gusuzuma ibibazo bijyanye n'imyitwarire | Ingamba zifatwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) ibarwa uhereye ku munsi wa nyuma w'ikizamini | Nta kiguzi bisaba | Ibaruwa itanga ibisobanuro |
| | | 2.6 Gutunganya amabaruwa yemeza imyanzuro | Itunganywa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi | Amafaranga asabwa ni Kshs 600.00<br>Amafaranga yo kwemeza icyemezo ahabwa ikigo ni Kshs. 1000 | Ubusabe bwemewe bwo kwemeza imyanmzuro |
| | | 2.7 Gutunganya ubusabe bwo gusonerwa kwishyura | Bitunganywa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi | Amafaranga asabwa yishyurwa hashingiwe ku busonerwe bwatanzwe | Ibaruwa yo gusonerwa kwishyura |
| | | 2.8 Gutunganya ubusabe bwo gusubika umwanzuro | Bikorwa mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) ikurikira ubusabe | Nta kiguzi bisaba | Ubusabe bwemewe ku rubuga rw'abanyeshuri bujyanye n'iyubahirizwa ry'amategeko y'isubikwa |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 3. | Kwishyura amafaranga y'ibizamini | Gutunganya uburyo bwo kwishyura nyuma yo gushyiraho gahunda y'ibizamini ku rubuga rw'imicungire y'abanyeshuri | Bikorwa ako kanya | Amafaranga asabwa yishyurwa | Inyemezabwishyu yemewe n'ingengabihe yatanzwe |
| 4. | Kwandika abatanga serivisi | Kumenya niba abatanga serivisi biyandikishije mu gihe kigenwa n'amabwiriza | Iminsi cumi n'ine (14) y'akazi | Nta kiguzi bisaba | Ifishi y'ubusabe yuzujwe neza, umwirondoro w'isosiyete y'ubucuruzi, icyemezo cy'iyandikisha/icyemezo cyo kwandikisha PIN, icyemezo kigifite agaciro cyo kuba wishyura imisoro/ubusonerwe, raporo ya banki y'umwimerere, kopi y'icyemezo cyo kwiyandikisha mu rwego ngenzuramikorere, inyemezabwishyu y'amafaranga adasubizwa, kopi z'amafishi atangwa buri mwaka atanzwe n'umwanditsi w'isosiyete y'ubucuruzi, indangamuntu/pasiporo. |
| 5. | Gutegura amasoko | Gutunganya amasoko | Iminsi mirongo cyenda (90) y'akazi | Nta kiguzi bisaba | Kohereza inyandiko z'ipiganwa ry'ibicuruzwa na serivisi |
| 6. | Kwishyura ibicuruzwa na serivisi | Kwishyura ibicuruzwa, imirimo na serivisi byatanzwe hakurikijwe ibibiranga | Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) ikurikira itangwa n'iyemerwa ry'ibicuruzwa na serivisi kandi hamaze gutangwa inyenezabuguzi igifite agaciro cyangwa hakurikijwe inshingano zikomoka ku masezerano | Nta kiguzi bisaba | Gutanga ibicuruzwa na serivisi byujuje ubuziranenge hakurikijwe inshingano zikomoka ku masezerano |
| 7. | Gutanga amasoko y'ibicuruzwa, ay'imirimo n'aya serivisi | Gushishoza no kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amasoko | Hakurikijwe ibisabwa n'Itegeko rigenga amasoko ya Leta n'ihererekanywa ry'umutungo ryo muri 2015. | Amafaranga yo gupiganira isoko cyangwa yo gutanga ibiciro | Gutanga ku gihe ibicuruzwa na serivisi byujuje ubuziranenge<br><br>Gushishoza no kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amasoko |
| 8. | Kujugunya ibibitswe bishaje | Gushishoza no kubahiriza inzira zashyizweho zo kujugunya ibibitswe bishaje | Iminsi mirongo itandatu (60) ibarwa uhereye ku munsi w'itangazo | Nta kiguzi bisaba | Kwigengesera no kubahiriza inzira zashyizweho zo kujugunya ibibitswe bishaje |
| 9. | Urubuga rw'imicungire y'abanyeshuri rwa kasneb | Gukora ku buryo urubuga rw'imicungire y'abanyeshuri rwa kasneb ruhora ruboneka kugera ku kigero cya 99,9% | Ku buryo bukomeza | Nta kiguzi bisaba | Kwiyandikisha no gukora ibikorwa ukoresheje urubuga rw'imicungire y'abanyeshuri rwa kasneb |
| 10. | Gusohora ikinyamakuru cya Kasneb | Gusohora no gukwirakwiza kuri murandasi ikinyamakuru cya Kasneb | Inshuro eshatu (3) mu mwaka | Nta kiguzi bisaba | Kwakira ikinyamakuru cya Kasneb no kugitangaho ibitekerezo |
| 11. | Uruhare rw'abaturage mu gushyiraho politiki | Gutumira abaturage kugira ngo bagire uruhare mu gushyiraho politiki | Umunsi umwe (1) | Nta kiguzi bisaba | Kumenyera ibibazo no kugira uruhare rugaragara |
| 12. | Gushaka abakozi | Gushaka abakozi bashoboye binyuze mu nzira iboneye | Mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90) | Nta kiguzi bisaba | Gutanga ubusabe bwemewe hashingiwe ku itangazo rihamagarira abantu gupiganirwa akazi |
| 13. | Gutunganya ubusabe bw'amakuru | Gutanga amakuru uko yasabwe | Mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) | Nta kiguzi bisaba | Gusaba amakuru |

**Kasneb yiyemeje gutanga ubunararibibonye mu gufata neza abakiliya ku rwego rwo hejuru nta vangura cyangwa kubangamira abafatanyabikorwa bacu bose.**

**Serivisi itubahiriza ibipimo ngenderwaho byavuzwe haruguru cyangwa umukozi udakurikiza ibyo yiyemeje bijyanye no kubaha abatugana n'ubudashyikirwa mu gutanga serivisi bigomba kumenyeshwa:**

**Umuyobozi Mukuru**

**Kasneb Towers Hospital Road, Upper Hill,**
**P.O. Box 41362,00100 Nairobi**

**Tel:+254(020)4923000,**
**Telefoni igendanwa:+254722201214, +254734600624**

**Imeli: info@kasneb.or.ke, Complaints@kasneb.or.ke**
**Urubuga nkoranyambaga: www.kasneb.or.ke**
**Facebook: kasneb**
**Twitter: @kasnebOfficial**

**cyangwa**

**Komisiyo y'ubutabera mu miyoborere**

**Igorofa rya 2, mu nyubako ya West End Towers**
**Imbere ya Aga Khan High School, Waiyaki way**
**P.O. Box 20414-00200 Nairobi,**

**Tel: +254-020-2270000/2303000/2603765/24412211/8030666**

**Imeli: info@ombudsman.go.ke (ku bibazo rusange),**
**complain@ombudsman.go.ke(ku birego)**
**Urubuga nkoranyambaga: www.ombudsman.go.ke**



kasneb is ISO 9001:2015 certified